Tube umuryango utumanaho

Igitabo cy’amahugurwa y’ikoreshwa rya interineti kuri telefoni

Imfashanyigisho yo guhugura abantu ku gukoresha interineti kuri telefoni mu Rwanda

Copyright © 2017 GSM Association

Isomo Whats

rya 2-
sapp

Ihugu

Riram

rwa

buye

Intego z'isomo

- Gusiga abahugurwa bazi gukoresha WhatsApp
- Abahugurwa bishimiye uburyo ibikoresho nka WhatsApp bishobora kwifashishwa mu kuvugana n'abantu.



Igihe rimara:
Iminota 45-60

Ibikoresho uzakenera:



Amakaramu, impapuro, n'impapuro zimata



Telefoni zo mu bwoko bwa smartphone

Ibihembo byoroheje

Ibishushanyo bya WhatsApp 3



Impapuro zo gutanga ziriho ibisobanuro



Igishushanyo cy'ibiciro

Inama zerekeye kwirinda

Impapuro zikase zifite ishusho y'ibimenyetso byo muri telefoni

Sobanura WhatsApp

WhatsApp

Ereka abahugurwa urupapuro rukase rufite ishusho y'ikimenyetso cya WhatsApp maze ubasabe kugishakisha kuri telefoni zabo.

Baza uti "Ni nde wambwira icyo aricyo? Kimaze iki?"

Sobanura WhatsApp mu magambo make

- "WhatsApp yoroshya itumanaho no kwandikirana hagati y'abantu, imiryango, inshuti, abo mukorana cyangwa abo mwigana"
- "WhatsApp ni serivisi yo kohereza ubutumwa, imeze nka SMS, aho ushobora no kohereza ubutumwa bw'ijwi, amafoto, n'ubutumwa ku matsinda y'abantu. WhatsApp ikoresha inite za murandasi aho kuba iza telefoni. Ibi bivuze ko kohereza ubutumwa bishobora guhenduka, kandi intera igutandukanya n'uwo wohereza ubutumwa ntacyo yongera ku kiguzi cya serivisi."

Shyira ibyiza bya WhatsApp ahagaragara!

- Tanga ubuhamya bw'uburyo WhatsApp ifite akamaro yaba kuri wowe, ku nshuti n'umuryango wawe. Mu ngero watanga harimo:
- Gutumanaho n'amatsinda manini ya ba rwiyemezamirimo/abo mukorana/ mwigana/abakiriya/inshuti/ umuryango, kwamamaza ibikorwa, kungurana inama, kuganira ku masomo n'imikoro byo mu ishuri, no guhanahana amakuru.
- Tanga ingero zifatika cyangwa inkuru z'uko WhatsApp yakoreshwa.

Huza WhatsApp n'ubuzima bw'abo uhugura

- Ungurana ibitekerezo n'abo uhugura ku buryo WhatsApp yaba ingirakamaro mu buzima bwabo:
- **Baza** "Ni iki wifuza gukoresha WhatsApp mu buzima bwawe?" Bahe ibitekerezo uhereye ku bibashishikaje cyangwa ibyo bakunda.
- **Baza** "Ni iki wumva wifuza cyangwa ufitiye amatsiko yo kwiga cyerekeye WhatsApp?"

Zirikana: Huza ibiganiro n'ibikorwa by'ihugurwa n'icyo interineti yabafasha cyangwa yabamarira mu buzima bwabo. Ibi bituma ihugurwa ribagirira akamaro kandi bakarushaho kurikunda

Igikorwa: Ikiganiro cya babiri

Shyira mu ngiro!

Sobanura “Mugiye kugerageza gukoresha WhatsApp kuri telefoni”

Erekana igishushanyo kiriho uko bakoresha WhatsApp mu kiganiro cya babiri

- **Sobanura** “Iki gishushanyo kirerekana amabwiriza y’uko bohereza ubutumwa hagati y’abantu babiri kuri WhatsApp”
- Fasha abahugurwa gukurikira intambwe kuri telefoni zabo, ubasobanurire ko bashobora kohereza ubutumwa bwanditse, ubw’amashusho cyangwa ubw’amajwi.

Basabe kugerageza kohereza ubutumwa hagati yabo kuri telefoni

1 Kohereza indamutso mu butumwa bwanditse

• Shyira ejuru ikirango cyo kohereza ubutumwa cya WhatsApp.

- Sobanura aho bagisanga, ubereke uko WhatsApp ikoreshwa
- Saba abahugurwa kohererezanya indamutso mu butumwa bwanditse

2 Kohereza ifoto ubwabo bifotoye ku itsinda ryabo:

• Shyira ejuru ikirango cya kamera ya WhatsApp.

- Sobanura ibyerekeye kamera, aho bayisanga, unerekane uko bayikoresha
- Saba abahugurwa kohererezanya ayo mafoto hagati yabo

- **3 Kohereza indamutso mu butumwa bw’ijwi:**

• Shyira ejuru ikirango cya mikoro ya WhatsApp

- Sobanura ibyerekeye mikoro, aho bayisanga, unerekane uko bayikoresha
- Saba abahugurwa kohererezanya indamutso mu butumwa bw’ijwi

- **Sobanura** “Iyo wohereje umuntu ubutumwa bwa WhatsApp, ushobora kubona niba bwamugezeho no kumenya ko yabusomye. A) Iyo bwagiye, ubona akarongo 1 ka v gafite ibara ry’ikijuju, B) Iyo bwamugezeho= uturongo 2 twa v tw’ikijuju C) Iyo bwasomwe= uturongo 2 tw’ubururu.
- **Baza:** “Ni ryari ushobora kohereza ubutumwa bw’ijwi cyangwa ifoto mu cyimbo cyo kohereza ubwanditse?”

Igikorwa: Kohereza ubutumwa mu itsinda

Sobanura: "Ubu mugiye kugerageza gukoresha 'ibiganiro mu itsinda'

Sobanura ibiganiro mu itsinda: "Kuri WhatsApp, abantu barenze umwe bashobora kuba mu biganiro by'itsinda"



Erekana urupapuro ruriho uko bakoresha WhatsApp bohereza ubutumwa mu itsinda

- **Sobanura** "Uru rupapuro ruriho intambwe za mbere zo gushinga itsinda kuri WhatsApp"
- **Erekana** uko bashinga itsinda kuri WhatsApp maze usabe abahugurwa kujya mu itsinda ryo kuri WhatsApp bakoresheje telefoni bahuriyeho (Binjize mu itsinda ukoresheje nimero za telefoni bahuriyeho).
- **Ohereza** abahugurwa ubutumwa bwanditse cyangwa ubw'ijwi, ubasaba kohereza amafoto bifotoye bari hamwe.
- **Baza:** "Ni nde wampa ingero z'igihe wakohereza ubutumwa mu itsinda aho kubwohereza hagati y'abantu babiri gusa?"

Inama: Itsinda rya WhatsApp rigomba kugumaho igihe cyose ihugurwa riri gukorwa. Saba abahugurwa gukomeza kugira uruhare mu bivugirwa mu itsinda. Basabe kuritangiramo ibitekerezo, kuvuga uko biyumva no kuryoherezamo amafoto.

Ikoreshwa bwite

Ungurana ibitekerezo n'abahugurwa ku cyo WhatsApp yabamarira mu buzima bwabo.

- **Baza** "Ubu noneho ko uzi gukoresha WhatsApp, wumva wayikoresha iki mu buzima bwawe?" Bahe ibitekerezo uhereye ku byo bakunda.
- **Baza** "Nyuma yo kumenya uko bakoresha WhatsApp, ni iki kigushishikaje kandi ufitiye amatsiko yo gukora?"

Umutekano

Baza “Iyo bavuze umutekano wumva iki?”

Baza abahugurwa gutekereza ko bari ahantu hahurirwa n’abantu benshi, urugero nko mu isoko. Basabe kungurana ibitekerezo ku cyo bakora kugirango bagire umutekano ahantu nk’aho. Koresha izi ngero n’ibisubizo:

Ingero	Ibisubizo
Ubigenza ute iyo umuntu utazi akubujije amahoro?	Uramwirinda cyangwa ukamwirengagiza. Itonde- Hari igihe atakubwiza ukuri kw’uwo ari we
Ubigenza ute iyo umuntu utazi cyangwa utizera agusabye amakuru bwite yawe?	Ntugahe amakuru bwite umuntu utazi cyangwa utizera kuko ashobora kuyakoresha mu buryo budakwiye
Ubigenza ute iyo ugize amakenga biturutse ku kintu wabonye cyangwa cyakubayeho?	Bibwire umuntu uzi kandi wizeye
Abo muganira ubafata ute?	Ubereka ikinyabupfura n’icyubahiro

Sobanura: “Ugomba kwibuka ko interineti ari ahantu hahurirwa n’abantu benshi, niyo mpamvu ari ngombwa kwitwararika no guharanira kuguma mu mutekano”

Umutekano

Hereza abahugurwa urupapuro ruriho inama zerekeye umutekano

- **Ganira** n'abahugurwa ku cyo izo nama zivuze mu mikoreshereze ya interineti
- **Shimangira izo nama** ukoresheje ingero zihuye n'ubuzima bw'abahugurwa. Urugero: Abari n'abategarugori bashobora kuba bifuza kumenya uko bakwirinda ihohoterwa.



Umutekano kuri WhatsApp

- **Baza**"Wakora iki igihe umuntu utazi agerageje kukwandikira, cyangwa umuntu ashatse kukubuza amahoro kuri WhatsApp kandi utabishaka?"
- **Sobanura:** "Kuri WhatsApp, ushobora 'kuzitira' (block) abo bantu ku buryo badashobora kongera kukuvugisha kuri iyo nimero"
- **Bereke igipapuro kiriho uburyo bazitira** unabereke uko bikorwa kuri WhatsApp.

₹ Ikiguzi

Sobanura “Ubu noneho ubwo muzi gukoresha WhatsApp, n’icyo ishobora gukoreshwa, reka tuvuge ku kiguzi cyo kuyikoresha! Kugirango ukoreshe interineti kuri telefoni yawe, usabwa kugura ama inite ya murandasi ku isosiyete yawe y’itumanaho”

Sobanura: “Ikiguzi cya buri butumwa bwa WhatsApp kiri hasi y’icy’ubutumwa bugufi busanzwe. Kuba umuntu wohererereza ubutumwa ari kure ntacyo bihindura ku kiguzi, baba bari mu mudugudu utuyemo cyangwa mu kindi gihugu”.



Erekana urupapuro rw’ikiguzi

- **Sobanura** “Ibikorerwa kuri interineti bikoresha ingano zitandukanye z’ama inite ya murandasi. Gusoma amagambo bitwara inite nke, kureba amafoto bitwara izirenzeho, gukina no gukura umuziki, udufoto n’indirimbo kuri interineti bigatwara nyinshi, naho kureba no gukura amashusho kuri interineti bigatwara nyinshi kurushaho. Amashusho akunda gutwara inite za murandasi nyinshi kurusha ibindi bikorwa”.
- **Sobanura:** Ibikorerwa kuri zimwe muri serivisi bitwara inite nyinshi za murandasi.
- **Baza** “WhatsApp iri he kuri uru rupapuro?” wongere uti “Aho iherereye havuze iki ku kiguzi cyayo?”
- **Baza** “Ni iki wayikoresha kigatuma ihenda?” **Igisubizo:** Kureba amashusho
- **Baza**: “Ni iki wayikoresha kigatuma ihenduka? **Igisubizo:** gukoresha amagambo yanditse”

₹ Ikiguzi

Kureba inite

- **Baza**: ”Kuki ari ngombwa kureba ingano ya inite wakoresheje?”
- **Igisubizo** “Kugirango ubashe kumenya inite umaze gukoresha no kumenya ama inite ibikorwa bitandukanye bitwara”
- **Sobanura** :”Ushobora kureba ingano ya inite ufite wandika kode muri telefoni yawe, nk’uko ureba umubare w’iminota cyangwa uw’ubutumwa bugufi usigaranye
- **Sobanura:**”Ushobora kugura ingano zitandukanye za inite bitewe n’icyo ugiye kuyikoresha. Gisha inama umucuruzi wa inite ku byerekeye inite zigukwiye”.
- **Sobanura** “Mu gihe uri mu gace kageramo murandasi ya Wi-Fi, ntugakoreshe inite za interineti waguze. Umucuruzi w’ibikorwa by’itumanaho ashobora kugufasha kumenya uduce turimo Wi-Fi, ariko ushobora gusanga agace ka Wi-Fi kari kure yawe.
- **Ereka** abahugurwa uko bareba inite zisigaye.

Inama: “Ushobora kugura ama inite ya murandasi ku mafaranga atandukanye bitewe n’icyo ugiye kuyakoresha. Saba umucuruzi wa inite ukwegereye akubwire amafaranga akwiranye n’icyo ugiye gukora”.

Incamake

Kina umukino w'ibimenyetso bya WhatsApp

- **Shyira** ejuru buri kimenyetso cya WhatsApp
- **Baza** "Iki ni iki? Kiba he kuri telefoni yawe?"
- **Sobanurira** abahugurwa icyo buri kimenyetso ari cyo, niba bakeneye ubufasha
- **Tanga ibihembo byoroheje** (Urugero: bombo) ku batanze ibisubizo by'ukuri kandi umanike ibimenyetso ku rukuta kugirango bifashe abahugurwa kubyibuka.

Sobanura ko hari izindi serivisi zo kohereza ubutumwa zimeze nka WhatsApp. Telegram nayo ni serivisi ikunzwe mu Rwanda ikora nka WhatsApp.

Inama: "Porogaramu na serivisi nyinshi zo kuri interineti zikoresha ibirango n'amagambo bisa. Igihe ukoresha interineti, ujye wita kuri ibyo birango kugirango niwongera kubibona ujye wibuka icyo bivuze".

Incamake kuri WhatsApp

- **Ganira n'abo uhugura ku byo bungutse ku ikoreshwa rya WhatsApp**
- "Wize iki ku ikoreshwa rya WhatsApp? "Ni iki wayikoresha?"
- "Itandukaniye he n'ubutumwa bugufi? "Ni iki ushobora gukora na WhatsApp ariko udashobora gukoresha ubutuma bugufi?"
- "Waba ugifite impungenge ku gukoresha WhatsApp?"
- "Ni iki wifuza gukoresha WhatsApp mu buzima bwawe?"
- "Ni iki wishimiye cyangwa ufitiye amatsiko yo kuzayikoresha?"

Inama: Koresha iyi ncamake nk'umwitozo, maze utange ibihembo (nka bombo) ku bahugurwa basubiza neza

Incamake

Inama: Niba abahugurwa bashaka kujya kuri interineti na WhatsApp bakoresheje telefoni zabo bwite, bahe umwanya uhagije bashyire mu ngiro ibyo bize, unababe hafi.

Intambwe ikurikiyeho

Niba ugeze ku musozo w'isomo ukaba ugifite igihe:

- **Baza** "Mwaba mufite ibindi bibazo ku byo twize muri iri somo?"
- **Baza uti** "Ni iki kindi wifuza kumenya ku ikoreshwa rya interineti kuri telefoni?"

Mu bindi bigize WhatsApp wabwira abahugurwa harimo:

- **Kohereza amafoto** mu kiganiro cyo kuri WhatsApp uyakuye mu bubiko bw'amafoto bwa telefoni
- **Kohereza aho uherereye** kuri WhatsApp kugirango inshuti n'abavandimwe bamenye aho uri
- **Kugena umwirondoro wawe** kuri WhatsApp, harimo n'uko ugaragara
- **Gukura porogaramu** mu iduka ryabugenewe (aha byaba ngombwa ko uvuga kuri imeyili, kuko gukura porogaramu kuri interineti bisaba ko umuntu aba afite imeyili)



Impapuro zicapye, ibishushanyo bikase n’impapuro z’amakuru

Icon Cutouts - WhatsApp

Icon Cutouts - WhatsApp

WhatsApp

UKO BAKORESHA

WhatsApp

1 → 2 → 3





HAGATI Y'ABANTU 2

5 → 4 → 5



WhatsApp

UKO BAKORESHA

WhatsApp

1 → 2



KOHEREZA UBUTUMWA MU ITSINDA

2 → 3



WhatsApp

UKO BAKORESHA

WhatsAp

1 → 2









UKO BAZITIRA

3 → 4



Block

OK



CERTIFICATE

Has completed

BASIC MOBILE INTERNET SKILLS

training

Date

Signed

CERTIFICATE

Has completed

BASIC MOBILE INTERNET SKILLS

training

Date

Signed